ITANGWA RY'UBUPADIRI I BUSASAMANA

Tubigejejweho na Padiri Emmanuel ***BAMPORINEZA***

Tariki 01/08/2015 kuri paruwasi ya BUSASAMANA hatangiwe Isakaramentu ry'Ubusaseridoti mu rwego rw'Ubupadiri. Iryo sakaramentu ryatanzwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE , Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, ari kumwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent HARORIMANA, Umushumba wa Diyosezi ya RUHENGERI.

Iryo sakaramentu ryahawe Diyakoni Martin BAMFASHEKERA na Diyakoni René Claude HAKIZIMANA.

Kuri uwo munsi kandi, abafaratiri 11 ba Diyosezi ya Nyundo barangije umwaka wa mbere wa Tewolojiya mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda, ari bo: Fratri Africain MUGABO, Fratri Maurice KWIZERA, Fratri Matthieu IYAKAREMYE, Fratri Emmanuel HABYARIMANA, Fratri Pasteur UWUBASHYE, Fratri Jean Bosco BIBARABEJO, Fratri Félicien NIZEYIMANA, Fratri Isidore NIZEYIMANA, Fratri Thémistoclès UFITIMANA, Fratri Félicien MUSHIMIYIMANA na Fratri Jean Népomuscène NIYONGOMBWA Bahawe umurimo w'Ubusomyi muri Kiliziya.

Mu Ijambo ry'umwe mu bapadiri bashya, Padiri René Claude HAKIZIMANA yagejeje kubari aho, yagaragaje ko ari umunsi w'ibyishimo kandi utazibagirana mu buzima bwabo kuko ari ingabire n'ineza y'Imana. Arahamya kandi ko Imana yababaye hafi muri iki kivi bashoje, izakomeza kubaha imbaraga zo kuyitumikira badasobanya.

Abapadiri bashya bashimiye Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo wabakiriye akababaha ibyo bari bakeneye byose kugira ngo bakurikire neza amasomo yabo yo mu Iseminari. baboneyeho kandi umwanya wo gushimira abapadiri bagiye babana mu rugendo banyuzemo, bagenzi babo

biganaga ndetse ashimira abakristu batahwemye kubasabira; yabijeje ko amasezerano bagize bazageragеza kuyubahiriza ariko abasaba ko bazirinda kubasaba ibinyuranye n'ayo masezerano. Yashoje yifuriza Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, isabukuru nziza y'imyaka 39 amaze ahawe Isakaramentu ry'Ubusaseridoti mu rwego rw'Ubupadiri.

Mu ijambo rye, umuyobozi w'akarere ka Rubavu Bwana SINAMENYE Jérémie wari waje muri ibyo birori, yashimiye abapadiri bashya intambwe bateye ndetse anashimira abagize bose uruhare mu burere bwabo bakaba bateye iyo ntambwe.

Yashimiye Diyosezi ya Nyundo nk'umufatanyabikorwa mu iterambere ry'akarere ka Rubavu kandi asaba ko byanakomeza ifasha ubuyobozi bwite bwa Leta mu kurangiza inshingano zabo zikubiye mu nkingi enye ari zo: ubukungu, imibereho myiza, imiyoborere myiza n'ubutabera. Asaba abari aho kandi gushyira hamwe kugira ngo imihigo akarere kiyemeje ari yo: kwitabira gutanga ubwisungane mu kwivuza, kwitabira umugoroba w'ababyeyi, uburezi bufite ireme no gukoresha ingufu z'amashanyarazi zituruka kuri biyo-gazi.

Impanuro Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yagejeje ku mbaga yari iteraniye aho, yashimiye Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent HARORIMANA, Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri waje kwifatanya n'abakristu ba Diyosezi ya Nyundo muri ibyo birori akaba kandi yaragize n'uruhare rukomeye mu kurera izo ntore z'Imana; aboneraho ndetse no gushimira Musenyeri Dieudonné RWAKABAYIZA, umuyobozi wa Seminari Nkuru wa Nyakibanda na we waje muri ibyo birori.

Yashimiye kandi abakristu ba Paruwasi ya BUSASAMANA uburyo bitanga bateza imbere paruwasi yabo. Yishimiye ko Imana ihaye Diyosezi ya Nyundo abapadiri bane n'abadiyakoni icyenda muri uyu mwaka. Yerekanye ko amagambo avugwa igihe cy'itangwa ry'Isakaramentu ry'Ubusaseridoti ari amagambo akomeye, hakaba hashize imyaka 39 ahawe iryo Sakaramentu, kandi uko ateze amatwi ayo magambo akumva ahambaye cyane.

Yagaragaje ko abakristu bateze byinshi ku basaseridoti babo, bityo na bo barasabwa kuba indashyikirwa, bakirinda kuba ibigwari kuko umusaseridoti agomba kuvunikira abakristu mu miryango remezo, imiryango y'Agisiyo Gatolika,urubyiruko, mu matsinda y'abana n'ahandi. Ibi byose bagomba kubikora ntabavuna abandi bityo bakaba abantu bafite icyerekezo, bakunda Kiliziya n'abakristu bashinzwe.

Yibukije abasaseridoti gusabira imbaga y'abakristu bashinzwe kuko biri mu masezerano yabo. Yabagaragarije ko Umupadiri Atari umucanshuro kuko bazabazwa ubutumwa Nyagasani yabashinze. Ni yo mpamvu bagomba kuba abagaragu b'abakristu kuko Atari ba "patrons" cyangwa ba "boss", iyo bitabaye ibyo ntaba agikurikira umurongo wa Kiliziya bityo akaba yatangiye gutana. Yibukije abari aho ko tariki 8/12/2015, papa Fransisko yasabye ko tuzatangira umwaka w'impuhwe, bityo tukaba tugomba kuba abanyampuhwe. Hari ibibazo mu miryango bityo abasaseridoti bagomba gusabira iyo miryango kandi nk'uko "Droit Canon" ibivuga, ku Cyumweru, Umusaseridoti agomba gutura Igitambo cya Misa asabira abakristu ashinzwe.

Yasabye ko mu micungire y'umutungo wa Paruwasi, abalayiki bagomba guhabwa umwanya, mu makomite Nyobozi, Ncungamutungo na Ngenzuzi hagashyirwamo abantu bajijutse kandi bagahabwa umwanya wo gucunga uwo mutungo ntabwiru kugira ngo bateze imbere paruwasi. Umwe muri abo balayiki agatanga raporo imbere y'abakristu ababwira uko umutungo wakoreshejwe.

Umwepiskopi yashoje ashimira abari aho bose ubwitonzi bagaragaje.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA